



Numero yihariye



Insanganyamatsiko :
"Umuganura, Isoko y'Ubumwe n'Ishingiro ryo Kwigira."

About us



Umurage Wacu Group

It is social enterprise, created in July 2015 by Rwandese NDAHIMANA Gilbert; librarian, heritage practitioner, writer and photographer, passionate about history, culture, traditions and tourism in general.

Vision

To Promote Rwandan and African heritage and tourism attractions through photography.

Mission

Engage and involve young people to promote Rwandan and African heritage (history, culture, traditions) by working together with the relevant authorities, local communities, and organizations aimed at promoting Rwandan and African's Heritage.

Objective

To promote Rwandan and African heritage (cultures, history, traditions) and tourism attractions through internet.

To conserve, protect, promote Rwandan and African cultural heritage to the world through cultural exchange programs and photography.

www.igicumbi.com

Promotes Rwandan and African heritage (cultures, history, traditions) tourism attractions through internet.

Publishes articles in 4 languages (Kinyarwanda, French, English and Kiswahili),

A website for Online Exhibition for Rwandan and African artists, crafts associations and cooperatives.

The 1st website to find information's and specially about Rwandan and African heritage and tourism attractions.

Igicumbi Magazine

Online and Printed Magazine

Published 4 times per year (January-March, April-June, July-September, October-December)

Distributed in libraries, cultural centers,...

Add documents and books to read in ways to promote reading cultures.

conservation is richness



@umuragewacu



@umuragewacugroup



@umuragewacu

Umuganura kuri sitade ubworoherane



Tariki ya 1 Kanama 2025, nibwo hizihijwe umunsi mukuru w’umuganura mu Rwanda, ni umunsi wihizijwe mu midugudu hiryana no hino, ku rwego rw’igihugu wizihirijwe mu murenge wa Muhoza, akarere ka Musanze mu ntara y’amajyaruguru.

Abanya musanze bazindukiye kuri sitade Ubworoherane kwifatanya n’abandi banyarwanda muri ibyo birori bikuru, harimo abantu batandukanye; abana, urubyiruko n’abakuze. Abayobozi mu nzego za leta bakorera mu ntara y’amajyaruguru n’abaturutse i Kigali. Umushyitsi mukuru yari minisitiri w’ubutegetsi bw’igihugu Bwana Habimana Dominique. Umuganura wizihizwa kuwa gatanu wa mbere w’ukwezi kwa Munani (Kanama) mu mezi ya kinyarwanda,. Aba ari umunsi w’ikiruhuko mu gihugu hose. Kwizihiza umuganura bitegurwa n’inteko y’umuco.



Gusura impurikabikorwa



Gusura imurikabikorwa ry'ibikorwa by'iterambere

Ni ibikorwa by'iterambere, bibyara umusaruro bikomoka mu karere ka Musanze, ibikorwa byiganjemo iby'ubuhinzi, ubucuruzi, inganda, ubugeni, ubukerarugendo, uburezi.



Ni mu rwego rwo kwerekana ko umuganura ari umwanya wo kwishimira ibikorwa by'iterambere abantu baba bakora, ibikorwa bagezeho mu nzego zose.

Ikaze mu Akarere ka Musanze



Ibitori byabumburiwe n'ijambo ry'umuyobozi wa Akarere ka Musanze, Bwana **Nsengimana Claudien** yahaye ikaze abitabiriye umunsi mukuru w'umuganura mu karere ayobora.

Yerekanye ko akarere kageze kuri byinshi birimo hoteli 44, ubwiyongere bw'umusaruro w'inganda, ubuhinzi n'ubukererarugendo.



Ubuhamya bwa Rwiyemezamirimo



Tuyishime King Evariste ni umwe mu rubyiruko rwashinze ikigo cyitwa Nzerwa Bambou Product Ltd aho yasangiye abitabiriyi ibi birori bimwe mu byo yagezeho, dore ko atunganya ibikoresho bitandukanye mu mugano, birimo intebe n'ibindi.

Ati "Dukora intebe, utubati, ameza, imitako n'ibindi mu migano bakabikunda, ndetse byabaye umuco ko ubukwe budakore-shejwe umugano butaba buryoheye ijisho."

Tuyishime watangiranye abakozi bane gusa, nyuma yo gufashwa muri gahunda ya Youth Connekt, yahise azamurira umubare wabo, ubu bamaze kuba 10.

Umutambagiro

Umutambagiro w'imyaka yejeje n'abanyarwanda



Ni umutambagiro wo kwerekana imyaka abanyarwanda bejeje, yari yiganjemo ibikomoka ku buhinzi (ibishyimbo, ibirayi, ibitoki, ibigori, amasaka, uburo..)

Guha imbuto abanyarwanda



Umuhango wo guha imbuto abanyarwanda mu rwego rwo kubifuriza kuzahinga ba keza. Hatangwa imbuto zitandukanye; ibishyimbo, ibirayi..bifasha abaturage kwitegura ihanga neza bafite ibyo bazatera.



Guha abana amata



Abana bahawe amata mu rwego rwo kubifuriza gukura neza no kugira ubuzima bwiza. Amata ni ingenzi mu muco w'abanyarwanda, atuma umuntu agira ubuzima bukomeye.

Banahawe amagi nayo afasha abana gukura neza.





Kugabira inka



Umuhanzi wo kugabira inka abanyarwanda badatunze kugirango nabo bazatere imbere, bazatunge batunganirwe, bagabire n'abandi, imibereho yabo ibe myiza; babone amata n'ifumbire.

Ni ugushyigiki-
ra gahunda ya
Gira Inka
Munyarwanda.





Ijambo ry'Umushyitsi mukuru

IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU ;HABIMANA DOMINIQUE YA-
VUZE KU MUNSI WO KWIZIHIZA UMUGANURA MU RWANDA UYU MWAKA



Nyakubahwa Guverineri w'intara y'Amajyaruguru , banyacyubahiro muteraniye hano , mu byiciro byanyu bitandukanye , bashyitsi bahire baturage ba karere ka Musanze. Tugire ubukire : tubukoreye ,) Munyemerere mbanze nshimire Nyakubahwa Perezida wa Repubulika wangiriye ikizere cyo kuyobora minisitere y'ubutegetsi bw'igihugu, ni inshingano nakiriye neza nshimira kandi nizeye ko nzasohozza neza mu bufatanye hamwe namwe kugirango igihugu cyacu gikomeze gutera imbere. Mumfashe ndabiginze tumushimire ,.....) MurakozeUmunsi mwiza w'umuganura.

Umunsi w'umuganura ni umunsi wihariye mu mateka y'abanyarwanda, umuganura ni umunsi uko-moka ku muco wacu w'igihe kirekire wabayeho kuva ku ngoma ya Gihanga ngomijana urushaho gusigasirwa na Ruganzu II Ndoli uza guhagarikwa n'abakoloni mu mwaka w'1925 hanyuma uza gusubizwaho na leta y'ubumwe kuva mu mwaka wa 2011, nagirango na none mumfashe dushimire Nyakubahwa perezida wa Repubulika watugaruriye umuganura.

Twifatanyije n'abaturage ba karere ka Musanze uyu munsu kubera uruhare rwanyu rukomeye muguteza imbere igihugu . Tugeze hano twasuye imurika bikorwa ryerekana umusaruro utangaje w'ibikorwa bitandukanye bikorerwa muri aka karere by'ubuhinzi n'ubworozi , ubukerarugendo, ubucuruzi, inganda, uburezi, ndetse n'ibindi..... Ibyo byose ni ibimenyetso bigaragaza iterambere rifatika ry'aka karere .

Kwizihiza umuganura ni umwanya wo gushima ibyo twagezeho , gufata ingamba zo kurushaho gukora, kongera kwiyezwa gusigasira umuco wacu no kubaka ubumwe buhamye hagati y'abanyarwanda.

Kwifatanya namwe ni igikorwa cy'ishema ni sheja ariko by'umwihariko ni uguhamya ko dukomoka hamwe, dusangiye umurage umwe kandi twubakiye kunkingira zimwe. Abantu bamwe batekereza ko umuganura ari ugusangira gusa "Yego" gusangira ni igice cy'igenzi cy'uyu muhango ariko icyo cyo nyine. Umuganura ni igikorwa cy'umwaka wose kigizwe n'inzira ndende yo guhiga bisobanuye gutegura ibizakoreshejwe : imbuto, ingengo y'imari , n'ibindi.....,bigakurikirwa no kubiba imbuto ni ukuvu-ga gutangira ibikorwa nyirizina ndetse bikagera no kugusarura umusaruro w'ibikorwa byakozwe nkuko twabimurikiwe ndetse no kwishima no guhigira gukora ibirushijeho. Ni urungendo rero. Ni urugendo rwo kwihesha agaciro, gufatanya, gusabana ,no kwigira.

Insanganyamatsiko y'uyu mwaka ngirango ntabwo nkeneye kuyisubiramo nyuma y'igihangano cyiza cyuje ubuhanga cy'umwana mutoya uvuye hano gitanga icyizere cy'uyu munsu n'ejo hazaza, Ahire Joanna wakoze cyane.

Umuganura ni isoko y'ubumwe ishingiro ryo kwigira. Mu mateka yacu umuganura ni igikorwa cya bose aho ntawe wasigaga inyuma cyaraziraga kuganura wenyine utaganuza abandi. Umutunganyu yagabirana-ga na mugenzi we abejeje bagasangira n'abarumbije.

Umuganura utwibutsa ubumwe ari inkingi y'iterambere umutunganyu atarwo kureberwa cyagwa kurebererwa ari uwo gufatanya nawe kuko icyo abanyarwanda bafatanyije ntakibananira. Indangan-gaciro z'ubumwe bwacu zubakiye mugufatana urunana, kwirinda ivangura n'amacakubiri , gusabana , kwihanganirana no gutabarana, kumenya ko turi bamwe ariyo ndi Umunganyarwanda ,niyo mpamvu umuganura twawita urufunguzo rw'ubumwe bw'abanyarwanda.

Kwigira si amagambo ni umurongo abanyarwanda bahisemo kandi umuganura urabigaragaza neza. Ntawurya atakoze ,uwabibye niwe usarura, twese hamwe tugatera imbere . Ibyo twagezeho mu myaka 31 y'ubumwe si impanuka ni umusaruro w'ubwitange , umurava n'ubufatanye.

Umuganura turawizihiza kugirango ejo tuzagire byinshi byo kuganura birushijeho. Kwizihiza umuganura ni uguhamya ko twese dukomoka ku mizi imwe.

Ni ukuzirikana indangagaciro z’igenzi zaturanze kuva kera arizo gukunda igihugu , gukorera igihugu , no kucyitangira, gukunda umurimo ni ukuvuga gukora dufite intego ,ubumwe n’ubupfura, gufatanya gusabana no kugira umutima w’ubworoherane , ndetse n’indangagaciro yo kwigira n’ubudaheranywa.

Bisobanuye kubaho utagobye kubeshwaho n’abandi. Izi ndangagaciro nizo zubakiyeho intego z’igihugu cyacu muri ikigihe .Umuganura ni ishingiro ry’iterambere ,isoko y’icyerekezo n’umusingi w’umuryango nyarwanda.

Harabibaza niba umuganura ugifite agaciro muri iki gihe igisubizo ni yego ndetse cyane .Umuganura w’ikigihe ntiwizihizwa nkuko byakorwaga mu bihe bya kera, uyumunsi twizihiza umusaruro uturuka muri service , ikoranabuhanga, uburezi, ubukerarugendo, ubuhanzi, inganda n’ibindi...., mu bihe bya kera washingiraga ku buhinzi n’ubworozi gusa, arko indangagaciro n’inkimatima zawo ziracyari zimwe zo ntizihinduka arizo guteganya ,kwigira, gukunda umurimo gushima , gusangira ndetse no gukunda igihugu.

Iminsi mikuru yose izwi mu Rwanda , umuganura niwo munsi mukuru gakondo dusigaranye ushingiyeye ku muco nyarwanda , niyo mpamvu leta y’u Rwanda yawusubijeho kuva 2021 ndetse iri mu nzira zo kuwandikisha ku rutonde rw’umurage w’isi wa UNESCO.

Muri uyu mwanya ndifuza gutanga ubutumwa ku rubyiruko ndetse ubutumwa Joana yabutanze ndetse ngirango Joana siwe bwira biragaragara ko yamaze kubyumva birashimishije y’uko hari abana batoya nka Joana bari mu murongo mwiza kandi turabizi y’uko atariwe gusa hari benshi. Ndashishikariza urubyiruko rwacu kudafata umuganura nk’iminsi mikuru isazwe , umuganura ni umurage w’ihariye ni gakondo yacu , ndabasaba kuwusigasira kuwushyira mu bikorwa byaburi munsi ,abakuru tuwutoze abato kuko ari umwihariko wacu nkabanyarwanda.

Kwizihiza umuganura ni uburyo bwo kwibutsa ko aho turi hose u Rwanda rugomba kutubamo rukatugendamo tukarugumana.

Mu gusoza banyakubahwa mwese muri hano ndashimira byimazeyo abayobozi n’abaturage ba karere ka Musanze batwakiriye kandi batweretse ibirori byiza mureke dufatanye tubashimire .Ndashimira inzego zose zateguye uyu munsi mwarakoze cyane ,ndetse turashimira abafatanyabikorwa bafatanyije natwe muri ibi birori, mwagaragaje ko umuganura utagomba kurangirira mu magambo ahubwo ari igikorwa nyakuri gishingiye k’umuco, umurage n’iterambere.

Munyemerere mbasabe ko uyu munsi twiyemeza ibi bikurikira: gukomeza gusigasira umuganura nk’ikirango cyacu , gukomeza kuwuzirikana aho turi hose mu gihugu no mu mahanga, no gukomeza kwerekana ko ubunyarwanda n’ubumwe ari inkingi y’iterambere ryacu.

Murakoze cyane umuganura mwiza kuri mwese,

Umuganura mwiza.

Abahanzi basusurukije umuganura 2025

Mu kwizihiza umuganura, hari abahanzi basusurukije abitabiriye ibirori by'umuganura ku rwego rw'igihugu I Musanze.

Itorero Urukerereza



Itorero ry'igihugu rigizwe n'abahungu n'abakobwa, bashimishije abitabiriye ibirori mu mbyino za Kinyarwanda harimo nk'ikinimba Hinga Amasaka, intore zataranye neza, n'abakaraza bashimishije benshi mu murishyo w'ingoma.



Umuhanzi Ntamukunzi n'itsinda rye

Umuhanzi wariririmbaye indirimbo yahimbiye umuganura. Ni umuhanzi uzwi mu ndirimbo nyinshi z'ikinyarwanda, zivugaga ku baka u Rwanda. Ntamukunzi akomoka mu karere ka Musanze.



Umuhanzi Tuyisenge

Umuhanzi wabanjije mu gusurutsa abaturage bari bitabiriye umuganura, abaririmbira bimwe mu bihangano bye. Indirimbo zitaka ibyiza bitandukanye by'uturere tw'u Rwanda.



Umusizi Kayitesi

Umusizi yavuze igisigo cye yise Kanama y’ihinga. Ni igisigo gisigiza ibikorwa biba muri Kanama. Ni umusizi ufite ubuhanga mu guhimba ibisigo byiza.



Abanyeshuri bo muri CS ND DE Fatima Ruhengeri.

Ni umuvugo bavuze; Ngwino Nkwereke Isoko y’Ubumwe n’ishingiro ryo Kwigira. Ni abana bari bayobowe na Bahire Eva Joanna, umuvugo wabo bwawushyikirije Minisitiri.

Hari aho bagira bati:<<

Umuganura!!Umuganura
ni ishuri

Ryadutozaga ubupfura
n’urukundo

Abakuru bakabwira, ba-
kabwira abatoya

Amateka big-
atindaaaaaaa

Ngwino nkwereke isoko
y’ubumwe

N’ishingiro ryo Kwigira.>>





Itorero ry'Abana bo mu kigo cya Karisimbi Valley Academy.

Ni itorero rifite abana bafite ubuhanga mu kubyina, abakobwa n'abahungu. Rikagira n'abahanga mu kuvuza ingoma. Abahungu bazi kuvuza umwirongi kandi bakiri bato.



Ubusabane



Umuganura ni umuhango urangwa no gusangira ibyo kurya no kunywa, ufite agaha udafite, abantu bakishima. Abari bitabiriye ibirori basangiye ibigori.





Abayoboye ibirori by'umuganura:

Umutoni Nadège na Kamanzi Jean Bosco.



Televisiyo y'igihugu yerekanaga ibirori ako kanya.

Umunyamakuru Silas Nshimiyimana



.....Mbere y'umunsi mukuru w'umuganura

Tariki ya 31 Nyakanga 2025, abanyamakuru basuye ahantu hatandukanye ndangamuco na ndangamateka hari n'abayobozi b'uturere, abaturage n'abakozi b'inteko y'umuco.

Gusura Ivubiro rya Huro (Gakenke)

I Huro ni ahantu haberaga umuhango wo guhuza imyaka yohererwaga I Bwami mu gukoreshwa mu muhango w'umuganura. Hagaragara Ivubiro rya-



hashizwe n'umuvubyi witwaga Minyaruko ya Nyamikenke, wari umutware w'u Busigi mu kinyejana cya 16, abisabwe n'umwami Ruganzu II Ndori.

Ni ahantu abanyarwanda ba kera, bakoresha mu kumenya igihe imvura izagwira. Iri vubiro ryifashishwaga n'Abiru b'abahinzi bo kwa Myaka barikoreshega bapima imvura, bashaka kumenya niba izagwira igihe cyangwa izatinda. Maze babona izatinda bakihutira kumenyesha umwami, nawe agashaka uko ayivubisha vuba.

Aha i Huro hahurizwaga imbuto zarobanuwe neza kandi zizira icyasha zikoherezwa ibwami gukoreshwa mu muhango w'Umuganura, ari iho havuye Insigamigani izwi mu Rwanda igira iti 'Ihuriro ni i Huro'.

Aka gace ka Huro, amateka agaragaza ko wari umurwa w'abanyamihango b'Umuganura bitwaga Abiru bo kwa Myaka, bari bashinzwe ibikorwa byo gutegura imbuto nkuru ari zo amasaka n'uburo.

Mu gutoranya imbuto z'umuganura babyitagaho, bagahitamo imbuto nziza itarangiritse kandi nta mugore wari wemerewe gukora mu mbuto ngo atayanduza bitewe no gutinya

Gukora mu mbuto bakoreshaga agati bitaga Isando birinda kuyangiza, gukoresha intoki ntabwo byari byemewe.

Iyi mbuto yajyaga ibwami iherekejwe n'ingoma n'inzoga z'imitsama zateguwe, kugira ngo bimurikirwe Umwami, abiheshe umugisha. Umwami yazaga ari kumwe n'umuganuzamukuru bagashyira intoki mu gitenga (ikibo kinini), cyuzuye imbuto maze zigasesekara ku butaka, ubwo "umwami akaba atanze imbuto kuko isesekaye ku butaka bw'u Rwanda."



Ivubiro rya Huro, ubu riri mu Mudugudu wa Huro, Akagari ka Huro, Umurenge wa Muhondo, Akarere ka Gakenke mu ntara y'amajyaruguru. Kera hakaba harahoze ari u Bumbogo.





Umuyobozi wungirije w'inteko y'Umuco **Uwiringiyimana Jean Claude** yaganirije abaturage ku akamaro k'ahantu ndangamuco na ndangamateka, abasobanturira ko hari itegeko ririho riharengera.

Yasabye abaturage kwirinda kuhangiza, ababwira amahirwe ahari mu bukerarugendo.



Umuyobozi wa Karere ka Gakenke Madamu **Mukandayisenga Vestine** yashimiye abaturage baturaye Ivubiro rya Huro, abasaba gukomeza kuhaninda, bakirinda kwangiza ibintu bihari, ibiyobora abantu bagenda bahashyira. Yibukije abantu ko akarere kabo gafite ahantu ndangamateka na ndangamuco heza kandi hasurwa n'abantu benshi.



Gusura I Rwiri (Rulindo)



Ahantu haramvurijwe ingoma Karinga.

Rwiri ni ahantu haramvuriwe ingoma Karinga yabaye ingoma ngabe y'u Rwanda igihe gisanga imyaka 450. Yimitswe na Ruganzo II Ndori ahayinga mu wa 1510, ivanwaho mu 1961, ubwo ingoma ya cyami yahirikwaga.

Imihango yo kuramvura Karinga yateguriwe kwa Minyaruko ya Nyamikenke, umuvubyi ukomeye watwaraga u Busigi. Minyaruko yohereje umuhungu we Nyamigezi I Rwiri-Nturo mu ishyamba ry'inzitane ryarimo ibiti by'imyungu by'inganzamarumbo. Igiti bagiciyemo ingeri eshanu, zigeze mu Busigi abiru bahitamo ingeri 3 zo hasi bazibazamo ingoma 3 ziteye kimwe.

Ingoma yavuye mu ngeri yo hagati niyo bise Karinga itoranywa kuba ingabe, Minyaruko ayitura Ruganzu arayimika. Igiti cyavuyemo ingoma ngabe ni Uruhondohondo.

Rwiri ubu iherereye mu mudugudu wa Nturo, akagari ka Rwiri, umurenge wa Cyungo akarere ka Rulindo mu ntara y'amajyaruguru.





Bwana **Nturo Chaste** ushinzwe Kubungabunga Ahantu Ndangamateka mu nteko y'umuco yasobanturiye abari aho amateka ya Nturo nk'umuntu uvuka muri ako gace kandi akaba ashinzwe no kubungabunga ahantu ndangamateka

Umuyobozi wungirije w'inteko y'Umuco **Uwiringiyimana Jean Claude** yashimiye abayobozi bo mu nzego z'akarere n'abandi bo mu nzego z'ibanze mu bufatanye bakorana aho hantu ndangamateka. Gushyiraho ibyapa biyobora, kurinda umutekano n'ibindi. Yibukije abaturage ko hari itegeko rirengera ahantu ndangamuco na ndangamateka, abasobantutira akamaro kaho hantu n'inyungu zizaboneka mu minsi iri mbere mu bukerarugendo no kwihangira imirimo muri rusange.



Umuyobozi wa Karere ka Rulindo, Madamu **Mukanyirigira Judith** yashimiye abaturage batuye I Rwiri, abasobanurira amahirwe bafite kuba bafite ahantu ndangamateka hemewe ku rwego rw'igihugu. Abasaba kuha-rinda, kwirinda kwangiza ibihari no gukomeza kuhasigasira mu bufatanye n'inzego z'ibanze.

Amafoto/Photos









Umuwugo:

Ngwino nkwereke Isoko y'Ubumwe n'Ishingiro ryo Kwigira



Murakoze kumpa mikoro turi itsinda
Ry'abanyeshuri biga kuri CS ND De Fatima
Ruhengeri tuje kubasusurutsa nnyewe ugiye
Kuvuga umuvugo nitwa Bahire Eva Joana
Ni mutege amatwi mwiyumvire

Ndasesekaye umusizi
Ubundi nasize irungu
Ngaka agaseke gasendereye
Ni umuganura mbabwira
Isoko y'ubumwe n'ishingiro ryo kwigira

Rwanda! Rwanda murwa w'ubwiza
Ndakuratana igitinyiro

Banyarwanda batanyanga
Mwanyongoreye amateka
Menya isoko y'ubumwe bwacu
N'ishingiro ryo kwigira

Ni umuganura twizihiza none
Reka mbabwire narabibwiwe
Ngenzuye biba impano
Mu mpinga z'amateka
Hatuwe n'isoko y'ubumwe
Umuganura ni isoko yo kwigira

Umuganura! Umuganura mvuga
Uhuza imitima y'abanyarwanda

N'umutako w'umuco wacu
Ngwino nkwereke isoko y'ubumwe
N'ishingiro ryo kwigira

Umuganura! Umuganura uradusabanya
Ubusabane bususurutsa imitima yacu
Akanyamuneza kakaza ubwo
Ngwino nkwereke isoko y'ubumwe
N'ishingiro ryo kwigira

Umuganura! Umuganura uraduhuza
Tugasangira ibyo twejeje
Amadegede, ibijumba, imyumbati
Ibigori, amateke n'ibitonore
Ngwino nkwereke isoko y'ubumwe
N'ishingiro ryo kwigira

Umuganura!! Umuganura si ikiganiro gusa
Ni igisingizo cy'urukundo
Isangano ry'abasangirangendo
Umurage ukomeye ku banyarwanda
Ngwino nkwereke isoko y'ubumwe
N'ishingiro ryo kwigira

Umuganura !! Umuganura ni ishuri
Ryadutozaga ubupfura n'urukundo
Abakuru bakabwira abatoya
Amateka bigatindaaaaaaa
Ngwino nkwereke isoko y'ubumwe
N'ishingiro ryo kwigira

Umuganura !! Umuganura wahuzaga imiryango

Bakubakana mu bitekerezo
Imibereho ikubahiriza ikinyabupfura
Amezi y'imigisha agasendera
Ngwino nkwereke isoko y'ubumwe
N'ishingiro ryo kwigira

Umuganura !! Umuganura uhuza bose
Ukatwibutsa gucunga umuco wacu
Ni umusingi wo gusangira ibyagezweho
Ngwino nkwereke isoko y'ubumwe
N'ishingiro ryo kwigira

Twabuzwa n'iki ? Twabuzwa n'iki kuba umwe
Duhurira ku nkangara y'amasaka
N'intango yuzuye urwagwa
Inkoko yuzuye inyotse y'ibigori
Ngwino nkwereke isoko y'ubumwe
N'ishingiro ryo kwigira

Twabuzwa n'iki ?? Twabuzwa n'iki kwigira ?
Dusangira ibyo dutunze
Tugatabara abatabifite
Ubugugu bugahera iyoooo
Ngwino nkwereke isoko y'ubumwe
N'ishingiro ryo kwigira

Twihaze !! Twihaze twiha agaciro
Ntawe uzava i Mahanga akazanye
Kari muri twebwe ubwacu
Nkuko umukuru w'igihugu abisaba
Yo gahabwa amashyi n'impunduuuuuuu

Baca umugani?? Baca umugani mu Kinyarwanda
 Ngo igi ryahannye inyoni
 Nubwo ntari igi bwose
 Namwe nti mube inyoni
 Nimuze tujye inama Imana izadusanga
 Muze mbereke isoko y'ubumwe n'ishingiro ryo
 kwigira

Muze mbaganuze mbaganuze ijambo u Rwanda
 U: Urashoboye Rwanda
 Rwa: Rwanda yacu igihugu cyatubayeye
 Nda: Ndakaguhoramo nzagukuriremo
 Ngwino nkwereke isoko y'ubumwe
 N'ishingiro ryo kwigira

Umwanzi w'igihe ni amasaha
 Nsubike nisunika negera abadusuye
 Bandangire inzira igana mu murwa
 Nzabasure mbasusurutse
 Nirebere n'amatara menshi
 Imodoka nyinshi n'amazu menshi
 No kwa Muzehe
 Pourquoi pas?
 Why not?

Kora ndebe iruta vuga numve
 Mbazaniye umuganura ngo mumenye
 Kw'ibyo mvuga bifite imvaho y'imvaho
 Koko umuganura isoko y'ubumwe
 N'ishingiro ryo kwigira

Muri kumwe na Bahire Eva Joana
 Umwaka wa kabiri
 Ishuri ribanza rya Fatima ryubatse
 Mu karere ka Musanze
 Umurenge wa Muhoza
 Umudugudu wa Giramahoro
 Mu mbabarire ibyo mutumvise
 Dore nakutse amenyo
 icyakora namera nzababwira neza.
 Murakoze.





***UMURAGE WACU GROUP
WIFURIJE
ABANYARWANDA BOSE
UMUNSI MWIZA
W'UMUGANURA.***

Kwamamaza-Marketing

Ukunda gusoma? Ukunda Kwandika? Ufite isomero? Ufite ikigo ndangamu-co? Utanga serivisi z'ubukeraugendo? Igicumbi Magazine ntikizabure ahantu ukorera! Turabigusabye.

Igicumbi Magazine ni ikinyamakuru kikugezaho inkuru z'ubukerarugendo, umuco, amateka n'imirage by'u Rwanda na Afurika.

Igicumbi Magazine isohoka buri mezi atatu;
Mutarama-Werurwe, Mata-Kamena, Nyakanga-Nzeri,
Ukwakira-Ukuboza.

Ushaka kumenyekanisha ibikorwa byawe ndangamuco,
by'ubukerarugendo. Tugane Tugufashe.

Igicumbi Magazine cyagenewe abantu bose; abana, urubyiruko n'abakuze!

Igicumbi Magazine cyandikwa mu ndimi enye ikinyarwanda,
igifaransa , icyongereza. n'igiswahili.

Soma Igicumbi Magazine kuri:

www.igicumbi.com

Mutwandikire/Contactez-Nous/Contact us:

Email: umuragewacugroup@gmail.com

Tel +250796512151



@umuragewacu



@umuragewacugroup



@umuragewacu